

# IGITABO CYA MOSE CYA MBERE CYITWA ITANGIRIRO

**Imana irema isi n'ijuru n'ibirimo  
byose**

**1** <sup>1</sup>Mbere na mbere Imana yaremye ijuru n'isi. <sup>2</sup>Isi yari itagira ishusho, yariho ubusa busa, umwijima wari hejuru y'imuhengeri: maze Umwuka w'Imana yagendagendaga hejuru y'amazi. <sup>3</sup>Imana iravuga iti "Habeho umucyo": umucyo ubaho. <sup>4</sup>Imana ibona umucyo ko ari mwiza: Imana itandukanya umucyo n'umwijima. <sup>5</sup>Imana yita umucyo amanywa, umwijima iwita ijoro. Buragoroba, buracya: uwo ni umunsi wa mbere.

<sup>6</sup> Imana iravuga iti "Habeho isanzure hagati y'amazi, rigabanye amazi n'andi mazi." <sup>7</sup>Imana irema iryo sanzure, igabanya amazi yo munsi y'isanzure n'ayo hejuru yaryo: biba bityo. <sup>8</sup>Imana yita iryo sanzure Ijuru. Buragoroba, buracya: uwo ni umunsi wa kabiri.

<sup>9</sup> Imana iravuga iti "Amazi yo munsi y'ijuru ateranire hamwe, ahumutse haboneke." Biba bityo. <sup>10</sup>Imana yita ahumutse Ubutaka; iteraniro ry'amazi iriyita, Inyanja: Imana ibona ko ari byiza. <sup>11</sup>Imana iravuga iti "Ubutaka bumeze ubwatsi n'ibimera byose byerere imbuto ku butaka, n'ibiti byerere imbuto ku butaka zirimo utubuto twabyo, igiti cyose cyere imbuto zikwiriye ubwoko bwacyo." Biba bityo. <sup>12</sup>Ubutaka bumeza ubwatsi, ibimera byose byera imbuto zikwiriye amoko yabyo, n'ibiti byera imbuto zirimo utubuto twabyo, zikwiriye amoko yabyo. Imana ibona ko ari byiza. <sup>13</sup>Buragoroba, buracya: uwo ni umunsi wa gatatu.

<sup>14</sup> Imana iravuga iti "Mu isanzure ry'ijuru habeho ibiva bitandukanya amanywa n'ijoro; bibereho kuba ibimenyetso no kwerekana ibihe n'iminsi n'imyaka: <sup>15</sup>bibereho kuvira mu isanzure ry'ijuru, kugira ngo bivire isi." Biba bityo. <sup>16</sup>Imana irema ibiva bibiri binini, ikiva kinini cyo gutegeka amanywa, n'igito cyo gutegeka ijoro: irema n'innyenyeri. <sup>17</sup>Imana ibishyirira mu isanzure ry'ijuru kugira ngo bivire isi, <sup>18</sup>kandi bitegeke amanywa n'ijoro, bitandukanya umucyo n'umwijima: Imana

ibona ko ari byiza. <sup>19</sup>Buragoroba, buracya: uwo ni umunsi wa kane.

<sup>20</sup> Imana iravuga iti "Amazi yuzuremo ibyigenza byinshi cyane bifite ubugingo, kandi inyonu n'ibisiga biguruke mu isanzure ry'ijuru." <sup>21</sup>Imana irema ibifi binini byo mu nyanja, n'ibantu byose byigenza bifite ubugingo, amazi biyuzuramo nk'uko amoko yabyo ari: irema n'inyoni n'ibisiga byose, nk'uko amoko yabyo ari: Imana ibona ko ari byiza. <sup>22</sup>Imana ibiha umugisha, iti "Mwororoke, mugwire, mwuzure amazi yo mu nyanja, inyonu n'ibisiga byororoke mu isi." <sup>23</sup>Buragoroba, buracya: uwo ni umunsi wa gatanu.

<sup>24</sup> Imana iravuga iti "Isi izane ibifite ubugingo, amatungo n'ibikururuka, nk'uko amoko yabyo ari, n'inyamaswa zo mu isi, nk'uko amoko yazo ari." Biba bityo. <sup>25</sup>Imana irema inyamaswa zo mu isi, nk'uko amoko yazo ari, n'amatungo nk'uko amoko yayo ari, n'ibantu byose bikururuka hasi nk'uko amoko yabyo ari: Imana ibona ko ari byiza.

<sup>26</sup> Imana iravuga iti "Tureme umuntu, agire ishusho yacu, ase natwe: batware amafi yo mu nyanja, n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere, n'amatungo n'isi yose, n'igikururuka hasi cyose." <sup>27</sup>Imana irema umuntu, ngo agire ishusho yayo, afite ishusho y'Imana ni ko yamuremye; umugabo n'umugore ni ko yabaremye. <sup>28</sup>Imana ibaha umugisha, Imana irababwira iti "Mwororoke, mugwire, mwuzure isi, mwimenyereze ibiyirimo; mutware amafi yo mu nyanja, n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere, n'ibantu byose bifite ubugingo byigenza ku isi." <sup>29</sup>Kandi Imana irababwira iti "Dore mbahaye ibimera byose byera imbuto, biri mu isi yose, n'igiti cyose gifite imbuto zirimo utubuto twacyo: bizabe ibyokurya byanyu. <sup>30</sup>Kandi inyamaswa yose yo mu isi, n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere, n'ikintu cyose gikururuka ku isi gifite ubugingo, mbihaye ibimera bibisi byose ngo bibe ibyokurya byabyo." Biba bityo. <sup>31</sup>Imana ireba ibyo yaremye byose, n'uko byari

byiza cyane. Buragoroba, buracya: uwo ni umunsi wa gatandatu.

### **Imana yeza umunsi wa karindwi**

**2** <sup>1</sup>Ijuru n'isi n'ibirimo byinshi byose birangira kuremwa. <sup>2</sup>Ku munsi wa karindwi Imana irangiza imirimo yakoze; iruhuka ku munsi wa karindwi imirimo yayo yose yakoze. <sup>3</sup>Imana iha umugisha umunsi wa karindwi, iraweza: kuko ari wo Imana yaruhukiyemo imirimo yakoze yose.

### **Imana ishyira Adamu mu Edeni**

4 Uku ni ko kuremwa kw'ijuru n'isi, ubwo byaremwaga, ku munsi Uwiteka Imana yaremeyemo isi n'ijuru. <sup>5</sup>Kandi akatsi kose ko mu gasozi kari katarabaka ku isi, n'ikimera cyose cyo mu gasozi cyari kitarāruka: kuko Uwiteka Imana yari itaravuba imvura ku isi, kandi nta muntu wariho wo guhinga ubutaka; <sup>6</sup>ariko igihu cyavaga mu isi kigatosa ubutaka bwose.

7 Uwiteka Imana irema umuntu mu mukunguwo hasi, imuhumekera mu mazuru umwuka w'ubugingo; umuntu ahinduka ubugingo buzima.

8 Uwiteka Imana ikeba ingobyi mu Edeni mu ruhande rw'iburasirazuba: iyishyiramo umuntu yaremye. <sup>9</sup>Uwiteka Imana imezamo igiti cyose cy'igikundiro cyera imbuto ziribwa: imeza n'igiti cy'ubugingo hagati muri iyo ngobyi, imezamo n'igiti cy'ubwenge bumenyesha icyiza n'ikibi.

10 Umugezi uturuka mu Edeni, untesha iyo ngobyi: uwo mugezi uvamo, wigabanyamo ine. <sup>11</sup>Umwe witwa Pishoni: ni wo ugose igihugu cyose cy'i Havila, kirimo izahabu; <sup>12</sup>kandi izahabu yo muri iyo gihugu ni nziza; iyo ni ho hari ubushishi buva ku giti bwitwa budola, n'amabuye witwa shohamu. <sup>13</sup>Undi witwa Gihoni: ni wo ugose igihugu cyose cy'i Kushi. <sup>14</sup>Undi witwa Hidekelu, ni wo uca imbere y'ighugu cyitwa Ashuri. Uwa kane witwa Ufurate.

15 Uwiteka Imana ijyana wa muntu, imushyira muri iyo ngobyi yo mu Edeni, ngo ahingire ibirimbo, ayirinde. <sup>16</sup>Uwiteka Imana imutegeka iti "Ku giti cyose

cyo muri iyo ngobyi ujye urya imbuto zacyo, uko ushaka; <sup>17</sup>ariko igiti cy'ubwenge bumenyesha icyiza n'ikibi ntuzakiyeho: kuko umunsi wakiriyeho, no gupfa uzapfa."

### **Imana irema Eva**

18 Kandi Uwiteka Imana iravuga iti "Si byiza ko uyu muntu aba wenyine; reka muremere umufasha umukwiriye."

<sup>19</sup> Uwiteka Imana irema mu butaka amatungo yose n'inyamaswa zo mu ishyamba zose n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere byose, ibizanira uwo muntu ngo imenyen uko abyita: kandi uko uwo muntu yise ikintu cyose gifite ubugingo, aba ari ryo riba izina ryacyo. <sup>20</sup>Uwo muntu yita amatungo yose n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere n'inyamaswa zo mu ishyamba zose; ariko umufasha umukwiriye yari ataraboneka.

21 Uwiteka Imana isinziriza uwo muntu ubuticura, arasinzira: imukuramo urubava rumwe, ihasubiza inyama: <sup>22</sup>urwo rubavu Uwiteka Imana yakuye muri uwo muntu, iruhindura umugore imushyira uwo muntu. <sup>23</sup>Aravuga ati

"Uyu ni igufwa ryo mu magufwa yanjiye,

N'akara ko mu mara yanjiye:  
Azitwa Umugore, kuko yakuwe mu Mugabo." <sup>a</sup>

<sup>24</sup> Ni cyo gituma umuntu azasiga se na nyina, akabana n'umugore we akaramata, bombi bakaba umubiri umwe.

25 Kandi uwo mugabo n'umugore we bombi bari bambaye ubusa, ntibakorwe n'isoni.

### **Inzoka yosha Eva**

**3** <sup>1</sup>Inzoka yarushaga uburiganya inyamaswa zo mu ishyamba zose, Uwiteka Imana yaremey. Ibaza uwo mugore iti "Ni ukuri koko Imana yaravuze iti 'Ntimuzarye ku giti cyose cyo muri iyi ngobyi'?"

2 Uwo mugore arayisubiza ati "Imbuto z'ibiti byo muri iyi ngobyi twemererwa kuzirya: <sup>3</sup>keretse imbuto z'igiti kiri hagati y'ingobyi ni zo Imana yatubwiye iti 'Ntimuzaziry, ntimuzazi-koreho, mutazapfa.'"

<sup>a</sup> Mugabo mu Ruheburayo ni Ish, umugore ni Isha.

2.2: Heb 4.4,10 2.2-3: Kuva 20.11 2.7: 1 Kor 15.45 2.9: Ibyah 2.7; 22.2,14

2.24: Mat 19.5; Mar 10.7-8; 1 Kor 6.16; Ef 5.31 3.1: Ibyah 12.9; 20.2

4 Iyo nzoka ibwira umugore, iti "Gupfa ntumuzapfa; <sup>c</sup>kuko Imana izi yuko ku munsi mwaziriye, amaso yanyu azahweza, mugahindurwa nk'Imana, mukamenya icyiza n'ikibi."

6 Uwo mugore abonye yuko icyo giti gifite ibyokurya byiza, kandi ko ari icy'igikundiro, kandi ko ari icyo kwifuriza kumenyesha umuntu ubwenge, asoroma ku mbuto zacyo, arazirya, ahaho n'umugabo we wari kumwe na we, arazirya. <sup>d</sup>Amaso yabo bombi arahweza, bamenya yuko bambaye ubusa, badoda ibibabi by'imitini, biremeramo ibicocero.

### **Imana ihana inzoka na Adamu na Eva**

8 Bumva imirindi<sup>b</sup> y'Uwiteka Imana igendagenda muri ya ngobyi mu mafu ya nimunsi: wa mugabo n'umugore we bihisha hagati y'ibiti byo muri iyo ngobyi amaso y'Uwiteka Imana. <sup>e</sup>Uwiteka Imana ihamagara uwo mugabo, iramubaza iti "Uri he?"

10 Arayisubiza ati "Numvise imirindi yawe muri iyi ngobyi, ntinyishwa n'uko nambaye ubusa, ndihisha."

11 Iramubaza iti "Ni nde wakubwiye ko wambaye ubusa? Wariye kuri cya giti nakubujije kuryaho?"

12 Uwo mugabo arayisubiza ati "Umugore wampaye ngo tubane, ni we wampaye ku mbuto z'icyo giti, ndazirya."

13 Uwiteka Imana ibaza uwo mugore iti "Icyo wakoze icyo ni iki?" Uwo mugore arayisubiza ati "Inzoka yanshukashutse ndazirya."

14 Uwiteka Imana ibwira iyo nzoka iti "Kuko ukoze ibyo, uri ikivume kirengeje amatungo yose n'inyamaswa zo mu ishyamba zose; uzajya ugenda ukurura inda, uzajya urya umukungugu, iminsi yose y'ubugingo bwawe. <sup>f</sup>Nzashyira urwango hagati yawe n'uyu mugore, no hagati y'urubyaro rwawe n'urwe: ruzagukomeretez umutwe nawe uzarukomeretsa agatsinsino."

16 Kandi Uwiteka Imana ibwira uwo mugore iti "Kugwiza nzagwiza cyane umubabaro wawe ufite inda; uzajya ubarya abana ubabara; kwifuza kwawe

kuzaherera ku mugabo wawe, na we azagutwara."

17 Na Adamu<sup>g</sup> iramubwira iti "Ubwo wumviye umugore wawe, ukarya ku giti nakubujije ko utazakiryaho, uzaniye ubutaka kuvumwa; iminsi yose yo kubaho kwave, uzajya urya ibibuvamo, ugombye kubiruhira; <sup>h</sup>buzajya bukumereramo imikeri n'ibitovu; nave uzajya urya imboga zo mu murima; <sup>i</sup>gututubikana ko mu maso hawe ni ko kuzaguhesha umutsima, urinde ugeza ubwo uzasubira mu butaka, kuko ari mo wakuwe: uri umukungugu, mu mukungugu ni mo uzasubira."

20 Uwo mugabo yita umugore we Eva,<sup>j</sup> kuko ari we nyina w'abafite ubugingo bose. <sup>k</sup>Uwiteka Imana iremera Adamu n'umugore we imyambaro y'impu, irayibambika.

### **Imana ikura Adamu mu Edeni**

22 Uwiteka Imana iravuga iti "Dore, uyu muntu ahindutse nk'imwe yo muri twe, ku byo kumenya icyiza n'ikibi: noneho atarambura ukuboko, agasorama no ku giti cy'ubugingo, akarya, akarama iteka ryose", <sup>l</sup>ni cyo cyatumye Uwiteka Imana imwirukana muri ya ngobyi mu Edeni, kugira ngo ahinge ubutaka yavu-yemo. <sup>m</sup>Nuko yirukana uwo muntu; kandi mu ruhande rw'yo ngobyi yo mu Edeni rwerekeye iburasirazuba, ishyiraho Abakerubi<sup>n</sup> n'inkota yaka umuriro, izenguka impande zose, ngo ibuze inzira ijya kuri cya giti cy'ubugingo.

La Société Biblique au Rwanda  
B.P. 788  
KIGALI, Rwanda  
© Société Biblique au Rwanda 1993  
ISBN 9966-40-116-4  
KINYARWANDA BIBLE N052  
UBS-EPF 26M 1993

<sup>b</sup>imirindi: cyangwa, ijwi.

<sup>c</sup>Adamu risobanurwa ngo Umuntu.

<sup>d</sup>Eva risobanurwa ngo Ufite ubugingo. Mu Ruheburayo ni Hawa.

<sup>e</sup>Abakerubi ni umutwe umwe w'abamarayika.

<sup>f</sup>3.13: 2 Kor 11.3; 1 Tim 2.14    <sup>g</sup>3.15: Ibyah 12.17    <sup>h</sup>3.17-18: Heb 6.8    <sup>i</sup>3.22: Ibyah 22.14